ARCHIDIOCÈSE DE KIGALI

Archevêque de Kigali

N/Réf: 444-24/ACK

**ITEKA RY'ISHINGWA RYA PARUWASI KRISTU UMWAMI / MUYUMBU**
**(DECRET D'ERECTION CANONIQUE)**

Twebwe, **Antoni Karidinali KAMBANDA,** Arkiyepiskopi wa Kigali, ku bushake bw'Imana n'ubuyobozi bwa Kiliziya twahawe, mu nshingano zacu zo gutagatifuza, kwigisha no kuyobora imbaga y'Imana iri muri Arkidiyosezi ya Kigali, tumaze kumva urwego rw'ubujyanama bw'Arkidiyosezi, dushingiye ku ngingo ya 515 igika cya 2 yo mu gitabo cy'amategeko agenga Kiliziya, dushinze **PARUWASI KRISTU UMWAMI KU MUYUMBU**.

1. Paruwasi KRISTU UMWAMI izabumbira hamwe abakristu basanzwe babarizwa muri Santarali Kristu Umwami / Muyumbu, yabarizwaga muri Paruwasi Yezu Nyirimpuhwe i Kabuga; n'Umuryangoremezo wa KAGONA wo muri Santarali Bujyujyu ya Paruwasi yisunze Abatagatifu Petero na Pawulo i Masaka.
2. Icyicaro cya Paruwasi gishyizwe ku Muyumbu. Ni ho kandi hagenewe gukorerwa imirimo y'ubuyobozi bwa Paruwasi no kuba icumbi ry'abapadiri bayishinzwe.
3. Ubuyobozi bw'iyo mbaga y'Imana tubushinze Umuryango w'Abapadiri b'Abapalotini, Intara y'Umuryango Mutagatifu (Cfr can. 520 §1)
4. Paruwasi iragijwe : « **KRISTU UMWAMI** », ngo ayibere umurinzi n'umuvugizi
5. Umunsi wa Paruwasi, uzajya wizihizwa buri mwaka, ku munsi Kiliziya ihimbaza umunsi mukuru wa KRISTU UMWAMI.

**Bikorewe i Kigali, Ku wa 28 ukuboza 2024**

**Padiri Phocas HITIMANA**
**Noteri wa Arkidiyosezi ya Kigali**

**+Antoine Cardinal KAMBANDA**
**Arkiyepiskopi wa Kigali**

ARCHIDIOCESE DE KIGALI Chancellerie

ARCHEVEQUE Kigali - Rwanda

Email: secretariat@archdioceseofkigali.org B.P. 715 KIGALI, Tel (+250) 0794 411 194, Site web : www.archdioceseofkigali.org.